No 233Avril2021

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## MU KWIBUKA ABANYAPOLITIKI BISHWE MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994, IMITWE YA POLITIKI YASABWE GUKOMEZA GUKORA POLITIKI YUBAKA



Hon. Dr. IYAMUREMYE Augustin , Perezida wa Sena

*Tariki 13 Mata buri mwaka, ni umunsi hasozwa icyumweru cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994 mu Rwanda, umunsi uhuzwa no kwibuka abanyapolitiki bishwe bazira ibitekerezo byabo byo kurwanya Leta y'igitugu n'ivangura; uyu muhango ukaba ubera ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Rebero ruri mu Karere ka Kicukiro.*

Ubwo hasozwaga icyi cyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya 27, Perezida wa Sena, Hon. Dr. IYAMUREMYE Augustin niwe wayoboye uyu muhango yunamira abanyapolitiki 12 bahashyinguye, n'abandi batutsi bazize Jenoside barenga 14,000.

Abanyapolitiki bashyinguye mu Rwibutso rwa Rebero ni Faustin Rucogoza wari mu Ishyaka MDR; hari Landouard Ndasingwa, Charles Kayiranga, Aloys Niyoyita, Venantie Kabageni, Andre Kameya, Jean de la Croix Rutaremara na Augustin Rwayitare bari mu Ishyaka PL; hari Frederic Nzamurambaho, Felicien Ngango na Jean Pierre Mushimiyimana bari mu Ishyaka PSD; Hari kandi Joseph Kavaruganda wari Perezida w'Urukiko Rusesa Imanza n'Urukiko rurinda Itegeko Nshinga.

Perezida wa Sena yavuze ko aba banyapolitiki bibukwa uyu munsi ku nshuro ya 27, bishwe bazira ubutwari bwabo bwo kwanga ikibi, biyemeza kurwanya ingoma y'Igitugu, baharanira ko Igihugu kirangwa n'imiyoborere iboneye; imiyoborere iha agaciro Abanyarwanda bose nta vangura. Ariko yibukije ko umugambi bari bafite utaboroheye kuko ubutegetsi bwariho bwari bufite imbaraga n'ibindi byangombwa byose byabufashije gushyira mu bikorwa umugambi wabwo wa Jenoside yakorewe Abatutsi; umugambi wateguwe igihe kirekire cyane.

Perezida wa Sena, Dr Iyamuremye yavuze ko kwibuka Abanyapolitiki bakundaga u Rwanda n'Abanyarwanda bakaza no kubizira bakicwa kubera iyo mpamvu ari igikorwa cy'ingenzi kubera ko Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe igashyigikirwa n'ubuyobozi bubi.

Yagize ati "Nk'uko byagaragajwe n'impuguke n'ubushakashatsi ku mateka ya Jenoside, Jenoside ntabwo ishobora gukorwa idashyigikiwe n'ubuyobozi. Jenoside yakorewe Abatutsi nayo yarateguwe, kandi yashobotse kubera ubuyobozi bubi bwakoresheje ingufu zose zishoboka, amashyaka, n'izindi nzego z'imiyoborere y'igihugu."

Senateri Dr Iyamuremye yavuze ko aba Banyapolitiki bibukwa uyu munsi, barwanyije urwango, amacakubiri ndetse na Jenoside yategurwaga, bakabikora bazi ko bashobora no kwicwa ariko kubwo gukunda u Rwanda n'Abanyarwanda bakomeza uwo mutima wa gitwari.

Ati "Bahigwaga batazira ubwoko bwabo ahubwo kubera kurwanya urwango, ivangura, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside, ariko hari n'abazize byombi, ko bari Abanyapolitiki ariko bakaba n'abatutsi. Abishwe bagerageza kurokora Abatutsi no kwamagana ingengabitekerezo ya Jenoside tubasanga no mu bindi byiciro by'abanyarwanda. Abo bose baranzwe n'ibikorwa by'ubwitange kugeza aho bemera guhara ubuzima bwabo kugira ngo bakize Abatutsi bahigwaga."

Yavuze ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahagaritswe n'abana b'Abanyarwanda b'intwari, bafashe icyemezo cyo guhaguruka bakarwanya ingoma yateguye ikanashyira mu bikorwa umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yashimiye Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bagize uruhare rukomeye muri uru rugamba rwo kurwanya ingoma y'Igitugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi.

Dr Iyamuremye yasabye Abanyarwanda gukomeza umurage mwiza basigiye n'Abanyapolitiki bibukwa uyu munsi, wo kwanga ikibi, kurwanya ivangura n'andi macakubiri ayo ariyo yose by'umwihariko aganisha kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yagize ati "Ndashaka ko dukomeza umurage w'Abanyepolitiki twibuka uyu munsi, duharanira ko Jenoside itazongera kubaho, twamagana abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse n'ababatiza umurindi. Ibi nibyo bizakomeza guha igisobanuro gifatika, intego twihaye yo kwibuka twiyubaka."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside, Dr Bizimana Jean Damascène watanze ikiganiro ku miterere ya politiki mbi yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse n'imiyoborere myiza nk'igisubizo kirambye cy'ayo mateka, yihanganishije imiryango y'abanyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi kubera ko batemeraga umugambi wa Jenoside wo gutsemba Abatutsi bigatuma Leta y'abicanyi nayo ibahitana. Yihanganishije kandi imiryango y'Abatutsi barenga 14,000, biciwe mu Mujyi wa Kigali, bakaba bashyinguye muri uru Rwibutso rwa Rebero.

Dr. BIZIMANA Jean Damascene mu kiganiro cye, yavuze ko Imitwe ya politiki yashishikarije urwango n'iyicwa ry'abatutsi mu myaka yo kuva mu 1990 kugeza mu 1994. Yavuze kandi ko Imitwe ya Politiki yabaye igikoresho cyo gukwiza ingengabitekerezo ya politiki mvangurabwoko yagejeje Urwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yasoje yongera gusaba Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo kwirinda icyo ari cyo cyose cyaba intandaro y'amacakubiri; bakirinda kandi bakarwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibifitanye isano nayo. Yabasabye kandi gufatanya kurwanya uwo ari we wese watekereza kugarura politiki isenya, yitwaje icyo ari cyo cyose.



Abitabiriye uyu muhango

## IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI RYASHYIZEHO ABAYOBOZI BASHYA BARYO

Kuwa kane, tariki ya 25 Werurwe 2021, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yarateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Senateri UWERA Pélagie.



*Inama Rusange yashyizeho abayobozi bashya b'Ihuriro*

Abagize iyi Nama, bagejejweho ikiganiro kuri Politiki y'Igihugu y'Uburinganire ivuguruye; cyatanzwe na Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango; bungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ireba Ihuriro ya Raporo ya Sena kuri gahunda y'amahugurwa ya *Youth Political Leadership Academy* (YPLA); banashyiraho abagize inzego z'ubuyobozi bw'Ihuriro.

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Prof. BAYISENGE Jeanette watanze ikiganiro kuri Politiki y'Igihugu y'Uburinganire ivuguruye; yerekanye impamvu y'ivugururwa ry'iyi politiki n'icyo igamije. Ikindi, yerekanye ko iyi politiki ivuguruye izarushaho gushimangira uruhare n'iterambere by'umugore mu muryango nyarwanda.

Inama Rusange yashimye intera u Rwanda rugezeho mu kwimakaza ihame ry'uburinganire, isaba Imitwe ya Politiki n'Abanyarwanda muri rusange gukomeza kubumbatira umuryango kuko ariwo shingiro ry'ubuzima bw'Igihugu. Ku ngingo yo kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ireba Ihuriro ya Raporo ya Sena kuri gahunda y'amahugurwa ya *Youth Political Leadership Academy* (YPLA), abagize Inama Rusange bemeje ingamba zizafasha mu ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ireba Ihuriro.

Naho ku ngingo ijyanye no gushyiraho abagize inzego z'ubuyobozi bw'Ihuriro; Inama Rusange yashyizeho abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro zikurikira: *Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane; Komisiyo ishinzwe gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego; na Komisiyo ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo.*

Iyi Nama Rusange kandi yatoye **Bwana GISAGARA Théoneste** (wo mu Mutwe wa Politiki PL), ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, asimbura Bwana BURASANZWE Oswald, wo mu Mutwe wa Politiki PL. Inama kandi yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro, ari bo: **Depite UWINGABE Solange**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PSR, ku mwanya w'Umuvugizi; na **Bwana NGIRUWONSANGA Jean Damascène,** uturuka mu Mutwe wa politiki UDPR, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.

## IHURIRO RYATEGUYE UMWIHERERO W'ABAGIZE KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO ZATOWE

Mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi bw'Inzego z'Ihuriro, hateguwe umwiherero w'umunsi umwe w'abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro bemejwe n'Inama Rusange y'Ihuriro yateranye tariki ya 25 Werurwe 2021. Uwo mwiherero wabaye ku wa gatanu tariki ya 23 Mata 2021, ubera muri Hotel Lemigo i Remera mu Karere ka Gasabo, ukaba wari ugamije guhuza abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro kugira ngo bamenyane banasobanurirwe inshingano zabo, batore abagize Biro, hanakorwe ihererekanyabubasha hagati y'abayobozi bazo bashya n'abacyuye igihe.

Mu ijambo rye ry'ikaze, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste, yashimiye abagize Komisiyo zose z'Ihuriro ko bitabiriye ubutumire bw'Ihuriro.

Yibutsa ko igikorwa cyo guhuza abagize Komisiyo zose z'Ihuriro bemejwe n'Inama Rusange ari igikorwa Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwari bwarateguye muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021. Agaragaza ko guhuza abagize Komisiyo ari ngombwa kuko abari bagize izo Komisiyo bashoje manda zabo bityo abashya bemejwe bakaba bagomba gusobanurirwa inshingano za Komisiyo, uko zikora n'uburyo zikorana n'izindi nzego z'Ihuriro.

Uyu mwiherero w'abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro watangijwe ku mugaragaro n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite UWINGABE Solange, yashimiye, agaragaza ko kugira ngo abagize Komisiyo z'Ihuriro bashobore kurangiza neza inshingano zabo bagomba kuba basobanukiwe inshingano nkuru z'Ihuriro, zigizwe ahanini n'uko Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ari urubuga ruhoraho rwo kunguraniramo ibitekerezo bya politiki hagamijwe kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu. Ihuriro rikaba riteza imbere amahame ya demokarasi ishingiye ku bwumvikane, kongera ubushobozi bw'Imitwe ya politiki no guteza imbere umwuga wa politiki. Ihuriro kandi akaba ari urwego rufasha gukemura amakimbirane no guteza imbere indangamyitwarire ikwiye kuranga abayobozi b'Imitwe ya politiki n'abayoboke bayo.

Mu ijambo rye, Umuvugizi w'Ihuriro yashimiye abari bagize Komisiyo zacyuye igihe, ko bakoze neza inshingano zabo, bafasha Ihuriro kugera ku nshingano zaryo no gutera imbere. Yabashimiye uburyo bakoranye umurava, ubwitange, bagakora ku buryo bahuza inshingano z'akazi kabo gasanzwe no kurangiza inshinano zabo mu Ihuriro.

Muri uyu mwiherero hatanzwe ibiganiro bibiri: ikiganiro kuri **Philosophie y'Ihuriro, inshingano, imikorere n'imikoranire y'inzego zaryo**, cyatanzwe na Hon. Rutaremara Tito. Hatangwa kandi ikiganiro ku nshingano za Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro n'imikoranire yazo n'izindi nzego, cyatanzwe na Hon. NKUSI Juvenal.

Nyuma yo gusobanurirwa inshingano za Komisiyo no kugezwaho bimwe mu byo za Komisiyo zagezeho, hakurikiyeho igikorwa cyo gutora abantu babiri (2) bagize Biro ya buri Komisiyo, igikorwa cyabaye mu matora yateguwe aho buri Komisiyo yateranye ukwayo mu nama yayo ya mbere ya manda.

**Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane**, Perezida wa Komisiyo watowe ni Senateri NKUSI Juvenal ukomoka mu Mutwe wa Politiki wa PSD, naho Visi Perezida wa Komisiyo aba Madamu MUKAMPUNGA Epiphanie ukomoka mu Mutwe wa Politiki wa PPC. **Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'izindi nzego**, Perezida wa Komisiyo watowe ni Hon. RUTAREMARA Tito ukomoka mu Mutwe wa Politiki wa FPR Inkotanyi, Visi Perezida wa Komisiyo aba Madamu UWASE Sada ukomoka mu Mutwe wa Politiki wa PDI. **Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo**, Perezida wa Komisiyo watowe ni Madamu NYIRANEZA Esperance ukomoka mu Mutwe wa Politiki wa PDC, Visi Perezida wa Komisiyo aba Hon. KAZARWA Gertrude ukomoka mu Mutwe wa Politiki wa PL.

Mu gusoza uyu mwiherero ku mugaragaro, Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro, Bwana NGIRUWONSANGA Jean Damascene, yashimye uburyo umwiherewo wagenze neza, ashima uburyo ibiganiro byatanzwe byafashije abagize Komisiyo gusobanukirwa neza inshingano zabo.